**AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'ISHYAKA U.D.P.R.**

**Komite Nyobozi y'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi, U.D.P.R. mu magambo ahinnye y'igifaransa, mu nama yayo yo ku wa 20/11/2022;**

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003, ryavuguruwe mu 2015;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga No 10/2013/OL ryo ku wa 11 Nyakanga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga N° 005/2018.OL ryo ku wa 30/08/2018 rihindura Itegeko Ngenga n° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki

Ishingiye ku mategeko shingiro y'Umutwe wa Politique UDPR nk'uko yasokotse mu Igazeti ya Leta n° 36 yo kuwa 16/09/2019, cyane cyane mu ngingo yayo ya 65;

Ivuguruye amategeko ngengamikorere y'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi (U.D.P.R.) yo ku wa 13/05/2017;

**ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE.**

**Ingingo ya 1**: **Ikigamijwe**

Aya mategeko ngengamikorere y'Ishyaka U.D.P.R. yashyiriweho kuzuza no gusobanura neza uburyo amategeko shingiro agenga U.D.P.R. yumvikana kandi agashyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 2 : Abo aya mategeko agenewe**

Aya mategeko ngengamikorere yubahirizwa n'abayoboke bose ba U.D.P.R**.** n'ubuyobozi bwayo kuva ku rwego rw'igihugu ku geza ku nzego zose z'imitegekere y'igihugu U.D.P.R ikoreramo.

**ICYICIRO CYA II: ABAYOBOKE.**

**Ingingo ya 3: Ibyiciro Abayoboke ba U.D.P.R**

U.D.P.R. Igizwe n'abayoboke nyakuri n'abayoboke b'icyubahiro.

**Ingingo ya 4: Abayoboke nyakuri ba UDPR n'inshingano zabo**

Abayoboke nyakuri ni abashinze Ishyaka U.D.P.R. n'abandi bose bariyobotse nyuma. Umuyoboke nyakuri wa UDPR agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari umunyarwanda
- Kuba yemera amahame ya U.D.P.R.
- Kwiyemeza gukurikiza amategeko agenga U.D.P.R.
- Kuba afite ikarita ya U.D.P.R.
- Kutagira undi mutwe wa politiki abarizwamo
- Kuba atabarizwa mu nzego zivugwa mu ngingo ya 5 y'Itegeko ngenga No 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politike n'abanyapolitiki.
- Kuba atanga umusanzu buri mwaka uko abisabwa na U.D.P.R.

**Ingingo ya 5: Ibisabwa ushaka kuba umuyoboke usanzwe wa U.D.P.R**

Usibye abavugwa mu ngingo ya 5 y'Itegeko ngenga No 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politike n'abanyapolitiki, umunyarwanda wese ufite imyaka 18 afite uburenganzira bwo kujya mu Ishyaka U.D.P.R. Uwifuza kuba umuyoboke wa U.D.P.R abisaba mu nyandiko Perezida wayo ku rwego rw'igihugu.

Kuva muri U.D.P.R. nabyo bimenyeshwa Perezida wayo mu nyandiko.

**Ingingo ya 6 : Ibisabwa ushaka kuba umuyoboke w'icyubahiro wa U.D.P.R**

Kuba umuyoboke w'icyubahiro wa U.D.P.R. bihabwa umuntu wese wayigiriye akamaro by'agahebuzo yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, singombwa ko aba akorera Ishyaka U.D.P.R. ku buryo buhoraho.

Bihabwa kandi Ishyirahamwe ryose ryiyemeje gushyigikira U.D.P.R. Umuyoboke w'icyubahiro abyegurirwa na Kongere y'igihugu ibisabwe na Komite y'Intara abarirwamo.

**Ingingo ya 7 : Uburenganzira bw'umuyoboke w'icyubahiro**

Abayoboke b'icyubahiro ba U.D.P.R. bashobora kujya mu nama zayo ariko ntibashobora gutora cyangwa ngo batorwe. Icyakora urwego urwo ari rwo rwose rwa U.D.P.R. rushobora kwiyambaza umuyoboke w'icyubahiro ngo arufashe cyangwa afashe Ishyaka gukemura ikibazo runaka bibaye ngombwa.

## ICYICIRO CYA III : INSHINGANO N'UBURENGANZIRA BY'ABAYOBOKE BA U.D.P.R.

**Ingingo 8 : Uburenganzira bw'umuyoboke nyakuri**

Umuyoboke nyakuri wese wa U.D.P.R. afite uburenganzira busesuye bwo:

- Gutora no gutorwa ku nzego zose z'ubuyobozi bw'Ishyaka U.D.P.R. afitiye ubushobozi kandi yujurije ibisabwa
- Kumenyeshwa ibikorwa bya U.D.P.R. no kutayihezwamo
- Kujya mu nama zose za U.D.P.R. mu rwego abarirwamo
- Kurenganurwa na U.D.P.R. igihe ahohotewe azira ko ari umuyoboke wayo.

**Ingingo ya 9: Inshingano z'umuyoboke wa UDPR**

Buri muyoboke wa U.D.P.R. afite inshingano zo:

- Kubahiriza amategeko, amahame remezo na porogaramu politiki bya U.D.P.R.
- Kwamamaza amatwara ya U.D.P.R.
- Kwitabira ibikorwa byose bya U.D.P.R.
- Kugira imyitwarire ihesha ishema U.D.P.R.
- Gutanga umusanzu uko amategeko ya U.D.P.R. abiteganya
- Kwitabira inama zose zahamagajwe n'ubuyobozi bwa U.D.P.R yatumiwemo.

**ICYICIRO CYA IV: INZEGO ZA U.D.P.R. N'UKO ZITERANA.**

**Ingingo ya 10: Inzego za U.D.P.R**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 9 y'amategeko shingiro ya U.D.P.R., inzego zayo ni :

- Kongere y'igihugu
- Biro Politike
- Komite Nyobozi
- Biro Nshingwabikorwa
- Komite ishinzwe kunga no gukemura impaka gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke ku rwego rw'Igihugu no gusobanura amategeko agenga UDPR
- **Komite ishinzwe kugenzura umutungo**
- Kongere z'Intara n'Umujyii wa Kigali
- Komite z'Intara n'Umujyi wa Kigali
- Biro z'Intara n'Umujyi wa Kigali
- Kongere z'uturere
- Komite z'uturere
- Biro z'uturere
- Kongere z'imirenge
- Komite z'imirenge
- Biro z'imirenge

**Ingingo ya 11: Aho inama za U.D.P.R zibera**

Inama z'Ishyaka U.D.P.R ku rwego urwo ari rwo rwose ziteranira ku cyicaro cy'urwego rwa U.D.P.R. rutumiza inama. Iyo bidashobotse, utumiza inama amenyesha abayoboke mu ibaruwa itumira cyangwa akoresheje uburyo bw`ikoranabuhanga n`itumanaho, aho inama izabera n'isaha.

**Ingingo ya 12: Itumizwa ry'inama**

Inama zose ku rwego rw'igihugu zitumizwa na Perezida wa U.D.P.R, cyangwa bisabwe Perezida mu nyandiko ishyizweho imikono nibura ya kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Iyo Perezida adatumije inama mu minsi 30 abonye ibaruwa yashyizweho imikono na 1/3 cy'abagize komite nyobozi ibimusaba, icyo gihe abasabye bashobora gutumiza inama.

**Ingingo ya 13: Ubutumire bw'inama**

Ubutumire bw'inama bugomba kugezwa ku muyoboke nibura iminsi itanu y'akazi mbere y'uko inama iterana. Ubutumire bugomba kugaragaza neza ingingo zizigwa muri iyo nama.

**Ingingo ya 14: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Kugira ngo inama iterane hagomba kuba hari nibura kimwe cya kabiri hiyongereyeho umuntu umwe icyakora iyo abagize urwego ari igiharwe hafatwa kimwe cya kabiri hiyongereyeho rimwe cy'umubare ubanziriza icyo giharwe b'abayoboke bagize urwo rwego. Iyo umubare utagezeho inama yimurirwa ku wundi munsi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu. Uwo munsi wa kabiri inama iterana hatitawe ku mubare w'abaje. Ibyemezo bifatiwe muri iyo nama bigira agaciro gasesuye. Uwabuze mu nama kabiri gakurikiranye nta mpamvu yumvikana yamenyesheje mbere, asabwa kwisobanura mu nyandiko.

**Ingingo ya 15: Abagize inama z'inzego za U.D.P.R.**

Inama z'inzego za U.D.P.R. zigibwamo gusa n'abazigize, uretse abo Biro Nshingwabikorwa ku rwego rw'igihugu cyangwa ku rwego rw'intara ,uturere n'imirenge yakwemerera kuzizamo igihe hari inyungu U.D.P.R. ibifitemo

**Ingingo ya 16 : Itangizwa ry'inama**

Mbere y'uko inama itangira, umwanditsi w'inama agenzura niba abayijemo bageze ku mubare uvugwa mu ngingo ya 14 y'aya mategeko ngengamikorere. Iyo umubare wa ngombwa wuzuye, Perezida w'inama arayitangiza, ikabanza kwemeza ibijya ku murongo w'ibyigwa n'igihe iza kumara. Ibyemejwe ko ari byo bigomba kwigwa ntibigerekwaho ibindi.

**Ingingo ya 17: Itangwa ry'ijambo mu nama**

Ntawe ushobora gufata ijambo atarihawe na Perezida w'inama. Perezida atanga ijambo akurikije uko barimusabye. Icyakora abateguye inyandiko isuzumwa cyangwa abavugizi ba za Komisiyo bayiteguye bashobora guhabwa ijambo igihe cyose bibaye ngombwa.

Perezida w'inama ashobora kugena igihe gihabwa uhawe ijambo n'umubare w'abahabwa ijambo ku ngingo y'ibyigwa igezweho.

**Ingingo ya 18: Inshingano z'umuyobozi w'inama**

Inshingano za Perezida w'Inama ni uguhuza imitangire y'ibitekerezo, kwerekana aho impaka zigeze no kugarura abatandukira. Ashobora no guhagarika impaka igihe abona ingingo yigwa yagiweho impaka bihagije.

**Ingingo ya 19: Ibibujijwe mu nama**

Kurogoya birabujijwe. Ntawe ushobora guca undi mu ijambo keretse Perezida w'inama iyo yibutsa amategeko agenga imikorere y'inama cyangwa agarura utandukiriye. Iyo utandukira abikomeje, Perezida w'inama amwambura ijambo igihe cyose inama icyiga icyo kibazo.

**Ingingo ya 20: Igenzura ry'imyifatire y'abagize inama**

Perezida w'inama niwe ugenzura imyifatire y'abayirimo. Ashobora gufashwa n'ushinzwe imyitwarire. Ubuza ituze mu nama, Perezida amuhamagara mu izina rye amusaba kwitonda. Iyo akomeje kubuza ituze, amusaba gusohoka mu nama kandi bikandikwa mu nyandiko mvugo.

**Ingingo ya 21: Uburenganzira ku ijambo**

Uri mu nama ashobora gusaba ijambo kugira ngo yumvikanishe igitekerezo cye, akosore igifutamye cyangwa asubize ikimuvuzweho.

**Ingingo ya 22: Inyandikomvugo z'inama**

Inama za U.D.P.R. zikorerwa inyandikomvugo zigashyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi b'inama. Inyandikomvugo zihabwa abagize inama zimaze gutunganywa bakaba bazikosora mu buryo zanditse.
Inyandikomvugo zimaze kwemezwa zibikwa mu bubiko bwabigenewe mu bunyamabanga buhoraho bwa U.D.P.R..

**<u>Ingingo ya 23</u>: Ifatwa ry'ibyemezo by'inama**

Uretse ibiteganywa ukundi n'amategeko agenga U.D.P.R., ibyemezo by'inama bifatwa ku bwumvikane busesuye bitashoboka hagakoreshwa amatora; Icyemejwe kigaragazwa hakoreshejwe ubwiganze busesuye bw'amajwi y'abatora.

Uburyo bwo gutora ni ugushyira ukuboko hejuru, guhamagara buri muntu cyangwa kwandika. Ubwo buryo bwemezwa iyo inama itangira kandi ntawe ushobora guhabwa ijambo iyo itora ryatangiye.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Agaciro k'ijwi mu ifatwa ry'ibyemezo**

Ufite uburenganzira bwo gutora wese agira ijwi rimwe gusa kandi ntawe ushobora gutorera undi nkuko ntawe ushobora guhagararira undi mu nama. Iyo hari impamvu izwi kandi ikomeye, umuyoboke wa U.D.P.R. ashobora gutanga ijwi rye akoresheje ibaruwa ishinganye yandikiwe Perezida. Iyo baruwa isomerwa mu ruhame.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Itora rikozwe mu nyandiko**

Iyo uburyo bwo gutora ari ukwandika, ufite uburenganzira bwo gutora wese ahabwa urupapuro ruriho umukono wa Perezida w'inama na kashe ya U.D.P.R.. Urupapuro rugaragaye mu zatoreweho rudafite umukono wa Perezida na kashe ya U.D.P.R. ruba imfabusa.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Ikemurampaka mu matora**

Iyo abamaze gutorwa banganyije amajwi, itora risubirwamo. Bakongera kunganya, ijwi rya Perezida w'inama akaba ari ryo rikemura impaka.

## ICYICIRO CYA V: INSHINGANO Z'ABAGIZE BIRO NSHINGWABIKORWA.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano za Perezida**

Perezida wa Biro nshigwabikorwa ni nawe Perezida wa U.D.P.R. ku rwego rw'igihugu, ashinzwe ibi bikurikira:

1. Gutumiza no kuyobora inama za Kongere y'Igihugu, Biro Politiki, Komite Nyobozi na Biro Nshingabikorwa;
2. Kuyobora inama ya Biro Nshingwabikorwa no kubahiriza inshingano zayo zivugwa mu ngingo ya 23 y'amategeko shingiro ya U.D.P.R.;
3. Guhagararira U.D.P.R. mu gihugu no mu mahanga;
4. Gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Kongere y'igihugu, Biro politike na Komite Nyobozi;
5. Gufata ibyemezo n'amabwiriza byihutirwa iyo bidashobora gutegereza ko Komite Nyobozi cyangwa Biro Politike biterana ariko byemejwe nibura na korumu ya biro nshingwabikorwa mu nama idasanzwe.
6. Gukurikirana uburyo abakandida ba U.D.P.R. biyamamaza;
7. Guhagarika by'agateganyo ibyemezo byafashwe n'inzego za U.D.P.R iyo bigaragara ko byafashwe ku buryo bunyuranyije n'amahame ndetse n'amategeko ya U.D.P.R. cyangwa amategeko igihugu kigenderaho muri rusange ariko byemejwe nibura na korumu ya biro nshingwabikorwa mu nama idasanzwe .

**<u>Ingingo ya 29</u>: Isimburwa rya Perezida iyo adahari**

Visi Perezida wa mbere asimbura Perezida iyo adahari. Iyo Perezida na Visi Perezida wa mbere badahari, basimburwa na Visi Perezida wa kabiri. Iyo Perezida, Visi Perezida wa mbere na Visi Perezida wa kabari badahari, basimburwa n'Umunyamabanga Mukuru. Iyo bose badahari, basimburwa n`Umubitsi.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Ubunyamabanga buhoraho**

Ubunyamabanga buhoraho bwa U.D.P.R. ni ihuriro ry'inzego z'imirimo n'ibikoresho bya ngombwa kugira ngo U.D.P.R. ishobore gukora neza mu nzego zayo zose. Buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru

**<u>Ingingo ya 31</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru**

Inshingano z'ingenzi z'Umunyamabanga Mukuru ni izi zikurikira:

1. Gukora inyandikomvugo z'inama z'inzego nkuru za U.D.P.R.
2. Kubika inyandiko zose za U.D.P.R.
3. Gukurikirana no kugenzura imirimo ya buri munsi ya U.D.P.R.
4. Gukurikirana imyitwarire y'abayoboke agatanga raporo ku nzego zishinzwe gufata ibyemezo ku myitwarire
5. Gufasha Perezida wa U.D.P.R. gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inzego za U.D.P.R.
6. Gushakira ubunyamabanga bukuru bwa U.D.P.R. abakozi no kubayobora mu mirimo yabo ya buri munsi
7. Gutegura amategeko agenga abakozi ba U.D.P.R.
8. Gutegura raporo ya buri mwaka y'ibikorwa bya U.D.P.R.
9. Gukora indi mirimo yose ya U.D.P.R. idafite urundi rwego ishinzwe;

**<u>Ingingo ya 32</u>: Inshingano z'Umubitsi**

Umubitsi wa U.D.P.R. ashinzwe ibi bikurikira:

1. Gucunga neza umutungo wose wa U.D.P.R.
2. Kwakira, gucunga no gukurikirana buri gihe uko imisanzu y'abayoboke ba U.D.P.R. itangwa
3. Gucunga impapuro za banki n'izindi zirebana n'umutungo wa U.D.P.R.
4. Gukora ibindi byose asabwe n'inzego za U.D.P.R.
5. Guha raporo y'icungamutungo inzego za U.D.P.R. binyuze kuri Biro Nshingwabikorwa.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Impapuro zirebana n'amafaranga**

Sheki za banki, kimwe n'izindi mpapuro zirebana n'amafaranga zisinywaho na Perezida ,Visi Perezida wa mbere n'Umubitsi. Bitanyuranyije n'amabwiriza ya banki U.D.P.R ibitsamo amafaranga; isinya ebyiri gusa ziba zihagijeo

**<u>Ingingo ya 34</u>: Imari n'umutungo**

Komisiyo y'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage ishyiraho amabwiriza arebana no gucunga umutungo wa UDPR.

**ICYICIRO CYA VI: IBYEREKEYE KOMISIYO ZA U.D.P.R.**

**<u>Ingingo ya 35</u>: Ikurikirana ry'imikorere ya za Komisiyo**

Imwe mu nshingano za Komite Nyobozi ni ugukurikirana imikorere ya za Komisiyo. Hakurikijwe iyo nshingano no kugira ngo Komite Nyobozi ibone uburyo buboneye bwo kuyobora U.D.P.R. no gukurikirana ko amahame yayo y'ingenzi yubahirizwa mu nzego zayo zose nkuko amategeko shingiro ya U.D.P.R. abiteganya mu ngingo ya 20, hashyizweho Komisiyo 7, bitabujije ko uwo mubare wahinduka bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 36: Inshingano za Komisiyo**

Amazina y'izo Komisiyo n'ibyo zishinzwe biteganyijwe ku buryo bukurikira:
36.1. **Komisiyo ya politiki , amategeko, ububanyi n'amahanga**

- Kwiga ibibazo byose bijyana na Politiki n'ubutegetsi bw'igihugu
- Kwiga ibibazo bireba umutekano n'ubusugire bw'igihugu no kurengera abayoboke ba U.D.P.R.
- Gutanga ibitekerezo ku mategeko agenga U.D.P.R. no ku mategeko ngengamikorere yayo.
- Gutanga ibitekerezo ku bikwiye kongerwa cyangwa guhindurwa mu mategeko agenga igihugu
- Kwiga imishinga yose y'amategeko ya U.D.P.R. ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'inzego za U.D.P.R.
- Gutanga ibitekerezo ku matora mu gihugu no ku mategeko ayagenga
- Kwiga uburyo bunoze bwo gutahura kare gahunda zahungabanya ubumwe bw'abanyarwanda
- Gutanga ibitekerezo n'inyigisho byatuma abanyarwanda barushaho gusabana
- Kwiga no gutanga ibitekerezo bigamije gukuraho inzitizi zose zituma ubutabera budakora neza
- Kugira uruhare mu guhuza UDPR n'indi mitwe cyangwa amashyirahamwe ya Politiki
- Gushakisha no gutanga inama ku buryo igihugu cyarushaho kunoza umubano n'ubutwererane n'ibihugu by'amahanga
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

36.2. **Komisiyo y'Itangazamakuru n'Icengezamatwara bya U.D.P.R**

- Gushakisha no gukusanya amakuru afitiye akamaro igihugu muri rusange na U.D.P.R. by'umwihariko
- Gufasha ishyaka U.D.P.R. kugeza amahame yaryo ku baturarwanda n'abanyamahanga hakoreshejwe inama, ibinyamakuru, radiyo na televiziyo
- Kwiga uburyo itangazamakuru ry'u Rwanda ryarushaho gutera imbere mu gukora neza
- Gutanga ibitekerezo ku buryo bworoshye bwo kugeza ku baturarwanda ibinyamakuru by'ingenzi no kubashishikariza umuco wo gusoma
- Gutanga ibitekerezo ku buryo bwatuma uburenganzira bw'abanyamakuru mu Rwanda burushaho kubahirizwa
- Kureba uburyo hashyirwaho ikinyamakuru cya U.D.P.R. n'uko cyacungwa
- Kugeza ku banyarwanda n'abanyamahanga ubutumwa Ishyaka U.D.P.R. ryabageneye;
- Gukora indi mirimo yose n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

**36.3. Komisiyo y'Ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage:**

- Kwiga aho umutungo wa U.D.P.R. wava n'uburyo uyishyikirizwa; Kwiga ibindi bibazo byose birebana n'umutungo
- Gutanga inama n'amabwiriza yerekeye imicungire myiza y'imari n'undi mutungo bya U.D.P.R.

- Gutegura amabwiriza y'imicungire y'umutungo n'imari bya U.D.P.R. no gutegura ingengo y'imari ya buri mwaka
- Gusesengura uko ubukungu bw'igihugu bwifashe no gutanga ibitekerezo ku cyakorwa kugira ngo burusheho gutera imbere.
- Gutegura gahunda ihamye yo kongera umusaruro
- Gutanga ibitekerezo ku mugambi w'amajyambere w'igihugu
- Kwiga uburyo U.D.P.R. yagirana umubano n'ibigo cyangwa imiryango ushingiye ku mari n'ubukungu
- Kugaragaza uburyo umunyarwanda yaba isoko n'isangano ry'amajyambere
- Gutegura gahunda yo kujijura abaturage
- Gutanga ibitekerezo kuri gahunda yo kwirinda indwara z'ibyorezo, gukangurira abanyarwanda kurya iryo yuzuye, guteza imbere isuku
- Gutanga ibitekerezo ku byerekeye ubwiteganyirize n'ubwishingizi
- Gutanga ibitekerezo ku byerekeye gukangurira abaturage gahunda yo guhuza umusaruro n'imyororokere
- Gutanga ibitekerezo kuri gahunda yo kwita ku bantu bose batishoboye mu muryango nyarwanda.
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

**36.4. Komisiyo y'ubushakashatsi, ikoranabuhanga, uburezi n'umuco:**

- Gutegura gahunda y'uburezi bufite ireme bushingiye ku muco n'ihiganwa ku masoko mpuzamahanga
- Gukurikirana ibikorwa byose byerekeye uburezi mu gihugu.
- Gusuzuma no gutegura ingamba zakuraho inzitizi ku burezi bw'abanyarwanda b'ingeri zose
- Kwiga uburyo buboneye bwo guhuza inyigisho zo mu ishuri n'uburere mboneragihugu.
- Gushyira imparaga muri gahunda yo guteza imbere inyigisho zireba ubumenyingiro, ubuhanga, ikoranabuhanga, ubuhanzi n'ubukorikori
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

**36.5. Komisiyo ishinzwe imyitwarire**

- Gukurikiranira hafi imikorere n'imyitwarire y'abayoboke, cyane cyane abashyizwe mu nzego z'ubuyobozi zinyuranye
- Kunga no guhana abayoboke bateshutse ku nshingano zabo
- Gutegura ingingo zirebana n'imyitwarire zakuzuza amategeko ngengamikorere ya U.D.P.R.
- Gushyikiriza inzego zibishinzwe ibitekerezo ku bihano byafatirwa abayobozi n`abayoboke ba U.D.P.R bagaragaweho imyifatire idahwitse.
- Kugenzura no gukurikiranira hafi iyubahirizwa ry'amahame remezo, porogaramu politike, amategeko n'amabwiriza bya U.D.P.R.
- Guhwitura abayoboke ba U.D.P.R.bateshutse ku nshingano zabo
- Gufasha abayoboke ba U.D.P.R. kubahiriza gahunda zose biyemeje;
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo kuri Komite y'ubukemurampaka n'ubwunzi bamenyeshe komite Nyobozi

.

**36.6. Komisiyo y'urubyiruko na siporo:**

- Gushishikariza urubyiruko rw'u Rwanda umuco wo gukunda igihugu

- Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amajyambere yazamura cyane cyane urubyiruko rutagira akazi
- Gushishikariza urubyiruko gukunda imikino n'indi myidagaduro yemewe mu gihugu
- Gutanga ibitekerezo ku buryo bwatuma abaturarwanda b'ingeri zose bitabira imikino
- Gutanga ibitekerezo mu rwego rwo guteza imbere siporo y'ababana n`ubumuga
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

**36.7. Komisiyo ishinzwe uburinganire, ubwuzuzanye n'iterambere ry'abanyarwandakazi:**

- Gutanga ibitekerezo kuri gahunda igamije kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'igihugu
- Gutanga imirongo migari yakurikizwa mu byerekeye uburinganire, mu kugira amahirwe angana
- Kwita ku iterambere ry'abanyarwandakazi muri rusange cyane cyane abo mu cyaro
- Gushishikariza abagore n'abakobwa  kwitabira kwinjira mu nzego z'ubuyobozi n'izindi zifata ibyemezo mu nzego zose z'igihugu
- Gushishikariza abagore n`abakobwa guharanira uburenganzira bwabo
- Gukora indi mirimo yose yasabwa n'Ubuyobozi bwa UDPR.
- Gutanga raporo muri Komite Nyobozi ya U.D.P.R

**Ingingo ya 37: Imitunganyirize y'imirimo ya za Komisiyo**

Perezida na Visi Perezida ba komisiyo nibo bashinzwe imitunganyirize y'imirimo ya komisiyo. Batorwa mu bayoboke ba U.D.P.R. Abagize Biro Nshingwabikorwa ntibashobora gutorerwa ubuyobozi bwa Komisiyo ariko bashobora kuzibamo.
Umuyoboke wa UDPR asaba mu nyandiko Perezida wa UDPR  komisiyo yifuza gukoreramo. Biro Nshingwabikorwa isuzuma ubwo busabe hashingiwe ku bumenyi n'ubunararibonye n'ibikenewe hakurikijwe gahunda z'Igihugu bagashyirwa muri Komisiyo.

**Ingingo ya 38: Inama za Komisiyo**

Inama za Komisiyo ziyoborwa na Perezida wayo, Visi Perezida akaba umwanditsi wayo. Iyo Perezida atabonetse, inama iyoborwa na Visi Perezida igatora umwanditsi wayo. Inyandikomvugo ya buri nama iriho umukono wa Perezida n'uw'umwanditsi bayo igomba kugera mu bunyamabanga bukuru bwa U.D.P.R. mu minsi 7.

**Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo guhindura Komisiyo**

Ushatse guhindura komisiyo abisaba Perezida wa UDPR Biro Nshingwabikorwa ikabifataho icyemezo. .Iyo bibaye ngombwa, komisiyo ishobora kwiyambaza ubumenyi cyangwa ubuhanga bw'umuyoboke wa U.D.P.R. ku bibazo yagennye. Ibyo ntibituma uwiyambajwe na Komisiyo abarirwa mu bayigize.

**Ingingo ya 40: Komite y'ubukemurampaka n'ubwunzi**

Komite ishinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke no gusobanura amategeko ya UDPR

Hashyizweho Komite  ishinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke ba UDPR no gusobanura amategeko agenga U.D.P.R.Iyo Komite igizwe n'abantu batatu (3) batorwa  na  Biro Politiki

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 10 z'amategeko shingiro, abagize Komite ishinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke no gusobanura amategeko angenga UDPR batorwa na Biro Politiki bagatorerwa Manda y'imyaka ine (4) yongerwa. Uri muri iyi Komite ntatorerwa indi myanya y'ubuyobozi bw'Ishyaka. Keretse abanje kwegura muri Komite.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Inshingano za Komite y'ubukemurampaka n'ubwunzi**

Imikorere n'inshingano za Komite ishinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke no gusobanura amategeko agenga UDPR

Komite ishinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke ba UDPR no gusobanura amategeko agenga U.D.P.R iyoborwa na Perezida yungirijwe na Visi Perezida wayo batorwa na Biro Politiki.Inama z'iyi Komite zitumizwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, zigatumizwa rimwe mu mwaka mu gihe gisanzwe.

Iyo ishyikirijwe ikibazo, Komite iterana mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) kugira ngo igisuzume.

Impaka zose zivutse muri U.D.P.R zitabashije gukemurwa no Komisiyo y'Imyitwarire zishyikirizwa komite ishinzwe kunga no gukemura impaka ikazisuzuma ikanatanga igisubizo, iyo zinaniranye zishyikirizwa Komite Nyobozi . Ishinzwe Gusobanura amategeko ya UDPR; Ishyikiriza kandi raporo Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu

- Komite ishinzwe kandi kugira inama abayobozi ba U.D.P.R no gukora ikindi cyose yasabwa na biro politiki kitari mu nshingano z'urundi rwego
- Gutegura gahunda y'ibikorwa bya kumira amacakubiri n'amakimbirane yaramuka agaragaye hagati y'abayoboke ba U.D.P.R cyangwa hagati y'inzego za U.D.P.R

**<u>Ingingo ya 42:</u> Komite ishinzwe kugenzura umutungo**

Hashyizweho Komite ishinzwe kugenzura umutungo. Iyo Komite igizwe n'abantu batatu (3) batorwa na Biro Politiki

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 10 z'amategeko shingiro, abagize Komite ishinzwe kugenzura umutungo batorwa na Biro Politiki bagatorerwa Manda y'imyaka itandatu (6) ishobora kongerwa . Uri muri iyi Komite ntatorerwa indi myanya y'ubuyobozi bw'Ishyaka. Keretse abanje kwegura muri Komite.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Inshingano za Komite inshinzwe kugenzura umutungo**

Imikorere n'inshingano za Komite ishinzwe kugenzura umutungo, Komite ishinzwe kugenzura umutungo, iyoborwa na Perezida yungirijwe na Visi Perezida batorwa na Biro Politiki. Inama z'iyi Komite zitumizwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, zigatumizwa rimwe mu mwaka (1) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

- Ishyikiriza kandi raporo Biro Politiki
- Komite ishinzwe kandi kugira inama abayobozi bashinzwe gucunga umutungo ba U.D.P.R no gukora ikindi cyose yasabwa na biro politiki kitari mu nshingano z'urundi rwego

**ICYICIRO CYA VII: UMUBANO N'INDI MITWE YA POLITIKI.**

**<u>Ingingo ya 44</u>: Umubano wa U.D.P.R n'izindi nzego**

Ishyaka U.D.P.R. ryemera ko umubano n'indi mitwe ya politiki n'andi mashyirahamwe ari ngombwa igihe cyose uwo mubano utabangamiye intego zayo n'inyungu z'Igihugu.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Icyemezo cy'umubano wa U.D.P.R n'izindi nzego**

Biro Politiki niyo ifata icyemezo gihamya umubano wa U.D.P.R. n'indi mitwe ya Politiki cyangwa amashyirahamwe. Mu guhitamo Umutwe wa Politiki cyangwa ishyirahamwe U.D.P.R. igirana nawo umubano, Biro Politiki ntiyita gusa ku nyungu rusange za U.D.P.R., ahubwo ireba niba intego bagamije zifite aho zihurira, kandi igasuzuma niba uwo mubano utuma politiki ya U.D.P.R n'iy'igihugu irushaho gutungana.

**<u>Ingingo ya 46</u>: Umubano wa U.D.P.R n'izindi nzego n'ubwigenge bwayo**

Kunga umubano n'indi mitwe ya politiki cyangwa andi mashyirahamwe bihuje intego ntibishobora kwambura U.D.P.R umwihariko ndetse n'ubwigenge bwayo.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Ifatwa ry'ibyemezo birebana n'umubano wa U.D.P.R**

Ikibazo cyose kigomba kwigwa n'imitwe ya politiki cyangwa amashyirahamwe afitanye umubano na U.D.P.R kigomba kubanza gusuzumwa na Komite Nyobozi. ikagifataho icyemezo abayihagarariye mu mibonano cyangwa imishyikirano bagomba kugenderaho. Ubwo buryo ni nabwo bukoreshwa na U.D.P.R iyo bibaye ngombwa mbere yo kwitabira inama y'ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki.

**<u>Ingingo ya 48</u>: Igenwa n'ikoreshwa ry'umubano wa U.D.P.R**

Komite Nyobozi, ibifashijwemo na Komisiyo ifite mu nshingano zayo ububanyi n'amahanga, niyo igena uburyo uwo mubano ushakwa n'uko ukoreshwa ku nyungu za U.D.P.R n'iz'Igihugu.

**<u>Ingingo ya 49</u>: Ubutumwa mu mahanga**

Uwo U.D.P.R itumye mu mahanga, Ubunyamabanga bukuru bwayo bumugenera ibyangombwa bituma arangiza neza ubutumwa ahawe. Igihe ashoje ubutumwa, akora raporo yandikiwe Perezida wa UDPR bitarenze iminsi irindwi avuye mu butumwa.

**<u>Ingingo ya 50</u>: Ubuvugizi bwa U.D.P.R mu mahanga**

Uri muri Komite Nyobozi cyangwa muri Biro politike igihe ari mu mahanga, ashobora kuvuganira U.D.P.R. igihe asanze ari ngombwa kandi bifitiye Ishyaka akamaro. Icyo gihe akorera U.D.P.R. raporo kandi agasubizwa ibyo yigomwe kugira ngo aharanire inyungu zayo.

**<u>Ingingo ya</u> 51: Ibisobanuro kuri raporo**

Komite Nyobozi ishobora gusaba ibisobanuro ku biri muri raporo. Ishobora no kubiheraho itanga amabwiriza.

**ICYICIRO CYA VIII: UMUTUNGO WA U.D.P.R. N'UBUCUNGAMARI.**

**<u>Ingingo ya 52</u>: Umutungo wa U.D.P.R**

Usibye ibiteganywa mu ngingo ya 33 na 34 z'aya mategeko ngengamikorere, ibyerekeye umutungo wa U.D.P.R. biteganijwe n'amategeko shingiro ya U.D.P.R. mu ngingo zayo za 62 na 63 . Izo ngingo zishobora kuzuzwa cyangwa gusobanurwa na Komite Nyobozi ibifashijwemo na Komite ishinzwe kugenzura umutungo

**Ingingo ya 53: Ubucungamari bwa U.D.P.R**

Ubucungamari bwa U.D.P.R. bushinzwe umucungamari. Imikorere ye ikurikiranwa n'umubitsi wa U.D.P.R. Igihe uwo mucungamari adahari, ubucungamari bukorwa n'umubitsi wa U.D.P.R. Umubitsi n'umucungamari bagomnba korohereza **Komite ishinzwe kugenzura umutungo**, igihe cyose ikora akazi k'igenzura ry`imikoreshereze y`imari n`umutungo bya U.D.P.R.

**ICYICIRO CYA IX: IBIHANO N'UBURYO BITANGWA.**

**Ingingo ya 54 : Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi**

Mu nzego zose za U.D.P.R, ibihano biteganywa ku buryo bukurikira:

1. Kwihanangirizwa mu magambo
2. Kwihanangirizwa mu nyandiko
3. Gusohorwa mu nama
4. Gukurwa ku mirimo ya U.D.P.R.
5. Guhagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atandatu ( 6 )
6. Kwirukanwa burundu

**Ingingo ya 55: Kwihanangiriza mu magambo**

Perezida w'inama ya U.D.P.R. mu nzego zose zayo ashobora kwihaniza mu magambo no gusohora mu nama iyo bibaye ngombwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'aya mategeko ngengamikorere, umuyoboke wese ugize urwo rwego, uwarutumiwemo cyangwa indorerezi ugaragaje imyitwarire inyuranyije n'amategeko n'amabwiriza agenga Ishyaka.

Perezida w'inama ashobora kandi kwihaniza mu nyandiko umwe mu bagize izo nzego byemejwe na Biro Nshingwabikorwa ya U.D.P.R. ku rwego rw'igihugu cyangwa Biro y'intara ku rwego rw'Intara.

**Ingingo ya 56: Kwihanangirizwa mu nyandiko**

- Kwihanangirizwa mu nyandiko bihanishwa umuyoboke utaye ku burangare bwe cyangwa wangije igikoresho cyo mu kazi akanakiriha.
- Udatanze ku gihe ku nzego zibifitiye ububasha raporo y'ubutumwa cyangwa iy'amahugurwa yagiyemo
- ukoresheje ibikoresho by'akazi mu byo bitagenewe;
- Umuyoboke utubahiriza igihe cyo gutanga raporo ziteganyijwe

**Ingingo ya 57: Gukurwa ku mirimo ya UDPR**

Igihano cyo gukurwa ku mirimo ya U.D.P.R. ku muyoboke wayo gitangwa na Komite Nyobozi ibisabwe na Biro Nshingwabikorwa;

- Bihanishwa umuyobozi wese utitabira inama nibura ebyiri nta mpamvu ifatika yatanze
- Umuyobozi umaze nibura umwaka udatanga umusanzu uko amategeko ya UDPR abiteganya
- Umuyobozi utubahiriza nibura rimwe mu mategeko agenga UDPR

**Ingingo ya 58: Guhagarikwa amezi atandatu (6)**

Igihano cyo guhagarikwa amezi atandatu gitangwa na Biro Nshingwabikorwa ya U.D.P.R. mu rwego rw'igihugu cyangwa Biro y'intara mu rwego rw'intara, isobanurampamvu ryabanje gushyirwa ahagaragara n'umuyobozi w'inama; abahanishwa iki gihano ni:

- ututse cyangwa usebeje mu magambo, mu nyandiko cyangwa mu mashusho, umuyoboke uri ku rwego rwe cyangwa ruri hasi y'urwe;
- utangaje inkuru isebya cyangwa yangisha abantu UDPR
- Ukangurira abayoboke kwigomeka ku buyobozi

**<u>Ingingo ya 60</u> : Ibihano bitajuririrwa**

Igihano cyo kwihanangirizwa mu magambo n'icyo kwihanangirizwa mu nyandiko ntibijuririrwa.

**<u>Ingingo ya 61:</u> Igihano cyo Kwirukanwa burundu**

- Atakaza kuba umuyoboke burundu nta mpaka,utagaragaye mu bikorwa bya UDPR nibura mu gihe cy'imyaka Ibiri (eg: Inama, gutanga umusanzu,...)
- Atakaza kuba umuyoboke burundu nta mpaka, uhamijwe burundu n'urukiko igihano cy'igifungo gihwanye cyangwa gisumba amezi atandatu
- Wakubise umuyoboke mugenzi we
- Wibye muri UDPR
- wakoze uburiganya bugamije gutonesha cyangwa kugabanyiriza amahirwe umukandida mu bijyanye no kwiyamamaza ku myanya runaka
- usaba, wakiriye cyangwa watanze ruswa cyangwa indonke kugira ngo atorwe ku mwanya runaka
- Igihano cyo gusezererwa burundu muri U.D.P.R. cyangwa guhagarikwa igihe kigenwe gihabwa umuyoboke wese watesheje ishema U.D.P.R., watesheje icyubahiro abayobozi bayo, watutse, wasebeje abayobozi bayo, cyangwa wayobeje abayoboke bagateshuka ku mahame yayo, akoresheje imvugo, inama zitubahirije amategeko cyangwa inyandiko. Uranzweho niyi myifatire ari mu nzego z'ubuyobozi bw'igihugu Biro Politike niyo yemeza ku bwiganze bwa 2/3 ko yeguzwa kuri iyo mirimo.
- Iyo urebwa n'ikosa ari muri Komite Nyobozi, inama isuzuma amakosa ye ayihezwamo. Kongere y'igihugu ya U.D.P.R. niyo yonyine ishobora guhana abagize Komite Nyobozi. Mu nzego zose za U.D.P.R. ntawe ushobora kuyobora inama isuzumirwamo ikibazo kimwerekeye ku giti cye, ubuyobozi bw'inama buharirwa abamusimbura.

Igihano cyo gusezerera umuyoboke mu mutwe wa politiki gitangwa na Kongere y'igihugu ibisabwe na Biro Nshingwabikorwa ya U.D.P.R.

**<u>Ingingo ya 62</u> : Uburenganzira bwo kumenyeshwa igihano no kwiregura**

Ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 54 ibika bya 4, 5, na 6 y'aya mategeko ngengamikorere ya U.D.P.R. ntibishobora gutangwa uregwa atabanje kumenyeshwa mu nyandiko cyangwa hifashishijwe ikoranabuhanga ibyo aregwa no kwiregura mu gihe yahawe . Habaye hari inyandiko yateguwe afite uburenganzira bwo kuyiga mbere yo kwiregura. Icyemezo cyose gifatwa ku bwumvikane busesuye cyangwa gitorewe hazamuwe akaboko cyangwa hakoreshejwe itora mu nyandiko mu ibanga, kimenyeshwa nyirubwite mu nyandiko cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga .

**<u>Ingingo ya 63</u>: Uburyo bwo kuva muri U.D.P.R**

Bitanyuranyije n'ingingo ya 60 y'amategeko shingiro ya U.D.P.R, buri muyoboke wa U.D.P.R. ashobora kuyisezererwamo hakurikijwe icyemezo gitangiwe impamvu gifashwe na 2/3 by'abagize Kongere y'Igihugu ya U.D.P.R. bitabiriye inama

Icyemezo gitanga igihano cyo gusezererwa burundu cyatanzwe na Kongere y'Igihugu ntikijuririrwa.

**<u>Ingingo ya 64</u>: Uburenganzira bwo gusubira muri U.D.P.R**

Uwasezerewe muri U.D.P.R. ashobora kuyisubiramo nibura nyuma y'umwaka umwe ahawe igihano, abisaba Perezida wayo mu nyandiko. Komite Nyobozi niyo ifata icyemezo imaze kureba niba impamvu zari zatumye uwo muntu asezererwa zitakiriho.

**ICYICIRO CYA XIII: INGINGO RUSANGE.**

**<u>Ingingo ya 65</u>: Imicungire y'iyegura rya Biro Nshingwabikorwa**

Iyo abagize Biro Nshingwabikorwa bafatiye rimwe icyemezo cyo kwegura, Perezida agomba gutumiza Komite Nyobozi bitarenze iminsi irindwi ikamenyeshwa icyo cyemezo, nayo ikagena igihe Kongere ku rwego rw'Igihugu igomba guteranira ngo yige icyo kibazo kandi igifateho icyemezo. Igihe kongere itarafata icyemezo, abagize Biro Nshingwabikorwa bakomeza imirimo yabo.

**<u>Ingingo ya 66</u> : Ihagarikwa ry'imirimo ry'umwe mu bagize Komite Nyobozi**

Guhagarika burundu imirimo k'umwe mu bagize Komite Nyobozi ntibibuza abandi kuyikomeza, ariko agomba kubamenyesha igitumye ahagarika imirimo ye hakoreshejwe ibaruwa yandikiwe Perezida wa U.D.P.R.

**<u>Ingingo ya 67</u>: Ihererekanyabubasha**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abayobozi bashya n'abari basanzwe bakorana ihererekanya bubasha rigakorerwa inyandikomvugo iriho imikono yabo n'iyababibonye babiri. Abayobozi bashya ntibashobora gukurikiranwa ku kibazo icyo aricyo cyose gifitanye isano n'imikorere y'abo basimbuye. Iyo ari ngombwa abo nibo bagomba gutanga ibisubizo ku bibazo bishingiye ku mikorere yabo igihe bari mu buyobozi bwa U.D.P.R.

**<u>Ingingo ya 68</u>** : **Ibigenerwa Umunyamabanga Mukuru wa U.D.P.R**

Komite Nyobozi ishingiye ku byifuzo bya Biro Nshingwabikorwa igenera Umunyamabanga Mukuru wa U.D.P.R. ibyangobwa kugira ngo arangize imirimo ashizwe.

**<u>Ingingo ya 69</u> : Inshingano yo kugoboka umuyoboke uri mu mage**

U.D.P.R. igoboka umuyoboke wayo wese uhohotewe cyangwa ugize ibyago bikomeye ikurikije ubushobozi bwayo.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Imikorereshererereze y'inyandiko zashyinguwe**

Hagamijwe kubahiriza ihame ryo gukorera mu mucyo, umuntu ubifitiye ububasha ushaka inyandiko mu zashyinguwe mu bubiko bwa U.D.P.R. agomba kunyura ku Munyamabanga Mukuru wayo.

**<u>Ingingo ya 71</u>: Ububasha bwa Komite Nyobozi ku bidateganyijwe n'amategeko ngengamikorere**

Ibidateganyijwe muri aya mategeko ngengamikorere ya U.D.P.R. Komite Nyobozi ishobora kubikorera amabwiriza yihariye agashyikirizwa urwego agenewe. Ayo mabwiriza ntashobora kunyuranya n'aya mategeko ngengamikorere n'amategeko shingiro ya U.D.P.R. .

**Ingingo ya 72: Uburyo ivugururwa ry'amategeko ngengamikorere rikorwa**

Amategeko ahinduka muri rusange cyangwa ku ngingo zimwe na zimwe gusa bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa 1/3 cy'abayigize . Rihinduka kandi hakurikije icyemezo cya Biro Politiki gifashwe na 2/3 by'abayigize.

**Ingingo ya 73: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa**

Aya mategeko atangira gukurikizwa ku munsi yemerejweho na Komite Nyobozi ya U.D.P.R.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/11/2022

| | | |
|---|---|---|
| **Nizeyimana Pie** | **MUKANKUSI Perrine** | **Rwigema Gonzague** |
| **Perezida** | **Visi Perezida wa Mbere** | **Visi Perezida wa Kabiri** |